**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE**

**B P:** **898, Kigali**

**Tel:** **+250 252575813**

**E-mail:** info@meteorwanda.gov.rw

**Website:** **www.meteorwanda.gov.rw**

Rwanda Meteorology Agency

# ITEGANYAGIHE N°56 RYA MUTARAMA-GASHYANTARE-WERURWE 2020


Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejejwe no gutangariza Abaturarwanda bose ko kuva muri Mutarama kugeza muri Werurwe 2020 hateganyijwe imvura iringaniye muri rusange ariko hari aho iyi mvura ishobora kuziyongera hashingiwe ku miterere yaho.

Ubusanzwe hashingijwe ku ishusho y'imigwire y'imvura mu gihe kirekire, mu gihe cy'aya mezi atatu mu Rwanda tugusha imvura iringaniye iri hagati ya milimetero 200 na 500. By'umwihariko muri iki gihembwe, imvura iteganyijwe iri hejuru ho gato y'imvura isanzwe igwa bitewe n'ubushyuhe bwo mu Nyanja ngari y'Ubuhinde bukomeza kwiyongera ndetse n'ihuriro ry'imiyaga riri mu karere u Rwanda ruherereyemo ari nabyo byatumye imvura y'Umuhindo 2019 itinda gucika.


Dore ingano y'imvura iteganyijwe hirya no hino mu gihugu kuva Mutarama kugera Werurwe 2020 :

- **Imvura iri hagati ya milimetero 200 na milimetero 300** iteganyijwe mu Ntara y'Iburasirazuba mu turere twa Nyagatare, Gatsibo n'igice kinini cya Kayonza.
- **Imvura iri hagati ya milimetero 300 na milimetero 400** iteganyijwe mu ntara y'Iburasirazuba mu turere twa Bugesera, Rwamagana, Ngoma na Kirehe ; mu turere twose tw' Intara y'Amajyaruguru; mu Ntara y'Amajyepfo mu turere twa Huye, Nyanza, Gisagara, Ruhango, Muhanga na Kamonyi ; mu Ntara y'Iburengerazuba mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Ngororero na Rutsiro no mu turere tw'Umujyi wa Kigali.
- **Imvura iri hejuru gato y'isanzwe igwa mu bihe byiza hagati ya milimetero 400 na milimetero 500** iteganyijwe mu ntara y'Iburengerazuba mu turere twa Rusizi, Nyamasheke na Karongi no mu Ntara y'Amajyepfo mu turere twa Nyamagabe na Nyaruguru.

**IKARITA IGARAGAZA INGANO Y'IMVURA ITEGANYIJWE KUVA MUTARAMA KUGEZA WERURWE 2020 NDETSE N'IMVURA ISANZWE IGWA MURI ICYO GIHE**




*Ikarita ya 1:* *Imvura iteganyijwe muri Mutarama-Werurwe 2020*




*Ikarita ya 2:* *Imvura isanzwe igwa muri Mutarama-Werurwe mu myaka myinshi ishize*


Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda), kirashishikariza Abaturarwanda n'abafatanyabikorwa bose gushingira Kuri iri teganyagihe mu igenamigambi ryabo rya buri munsi; cyane ko imvura iteganyijwe ishobora kubangamira imirimo y'isarura ndetse n'imishinga y'ibikorwa remezo.

Turashishikariza kandi Abaturarwanda bose bakora imirimo itandukanye, iy'ubuhinzi n'ubworozi, ibikorwa remezo, ibidukikije, ubuzima, ubucuruzi n'ubushakashatsi kwegera impuguke zo mu nzego bakorana kugirango zibagire inama z'uburyo bwiza bwo gukoresha amakuru y'iteganyagihe ry'aya mezi atatu mu mirimo yabo.

RWANDA METEOROLOGY AGENCY • METEO RWANDA
REPUBULIKA Y'U RWANDA


**Ikigereranyo cy'Imvura yaguye mu Muhindo (Nzeri-Ukuboza 2019) n'isanzwe igwa mu myaka myinshi**

Mu Muhindo wa 2019 haguye imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe igwa mu myaka myinshi ishize. Ibi byatewe n'ubushyuhe bwiyongereye mu Nyanja y'Ubuhinde ndetse n'isangano ry'imiyaga yaturukaga mu bice bitandukanye igahurira mu karere u Rwanda ruherereyemo.





***Ishusho ya mbere:*** *Imvura yaguye mu Muhindo 2019 ugeranyije n'isanzwe igwa mu muhindo mu myaka myinshi*

RWANDA METEOROLOGY AGENCY - METEO RWANDA




***Ikarita ya 3:*** *Imvura yaguye muri Nzeri-Ukuboza 2019*




***Ikarita ya3:*** *Imvura isanzwe igwa muri Nzeri-Ukuboza*

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri nimero itishyurwa 6080.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu(3) ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri munsi.

Bikorewe i Kigali, kuwa 10/01/2020.

**Aimable GAHIGI**
**Umuyobozi Mukuru**

RWANDA METEOROLOGY AGENCY - METEO RWANDA
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU